# 381: Yes' avukiye mw isi

1. Yes' avukiye mw isi, Yakuriye muri yo, Yigishwa n'lmana, Se, Gusobanukirw' isi.

2. Yesu yitegereje Ubugome bwo mw isi; Areby' uko bungana, Arababara rwose.

3. Nukw asang' ab'iyi si Banze gukiranuka; Bamuyoberwa rwose, Bati : Si we mukiza.

4. Yes' abony' ibyo byose Arababababarira,Ngo n' a bo gucungurwa No kubon' igitambo.

5. Nukw amenya kw ari We Uwiteka yatanze Kubaber' igitambo Cyo kubahongerera.

6. Ntiyashidikany' ubwo, Yemera guhemurwa, Yiteguzwa n'lmana Kudupfir' a bo mwisi.

7. Maz' abantu bo mw isi Bamubamba ku giti, Bamubabaza cyane :Ni ko yadukijije.

8. Mwami Yes' ushimirwe Ubwo buntu wagize! Wemeye kumbambirwa : Nzahora ngusingiza !

Visit us at indirimbo.com